**MURI IKI GIHE CY'IKORANABUHANGA CYUZUYEMO IMIKORANIRE Y'UBUCURUZI BUNYURANYE, HARIMO UBUZIRUYE HAKANABAMO UBUTAZIRUYE BWA RIBA, KANDI RIBA NI KIMWE MU BYAHA BIHAMBAYE, IKABA NA KIMWE MU BYAHA BIRINDWI BYOREKA, NDETSE N'IBIHANO BY'IMANA KU UWARIYE RIBA BIRAHAMBAYE HANO KU ISI NDETSE NO KU IMPERUKA, KURYA RIBA KANDI BIRI MU MPAMVU ZIKURA UMUGISHA MU MITUNGO.**

**IMANA YARAVUZE ITI "ALLAH YAMBURA UMUGISHA**
**UMUTUNGO URIMO RIBA, AGATUBURA AMATURO, KANDI ALLAH NTAKUNDA UMUHAKANYI, UMUNYABYAHA"**
**RIBA ISHOBORA KUBONEKA MU BINTU RUNAKA:**
**HADITH IRAVUGA ITI "MUJYE MUGURANA ZAHABU KURI ZAHABU, NA FEZA KURI FEZA, INGANO KU INGANO, NA SHAIRI KURI SHAIRI, ITENDE KU ITENDE, UMUNYU K'UMUNYU, BIMEZE KIMWE, MU**

**BIPIMO BINGANA KANDI HABEHO GUHEREREKANYA, ARIKO IBI BINTU NIBIBA BITANDUKANYE, MUJYE MUBIGURISHA UKO MUSHAKA, IGIHE HABAYEHO GUHEREREKANYA"**

**IBINTU BIBONEKAMO RIBA BIRIMO IBICE BIBIRI:**

1. **IGICE RIBA YACYO ITERWA NO KUBA ARI IBINTU BIFITE AGACIRO: NKA ZAHABU NA FEZA NDETSE N'AMAFARANGA.**
2. **IGICE RIBA YACYO ITERWA NO KUBA BIPIMWA KANDI BIRIBWA, IBYO BIKABA ARI IBINTU BINE GUSA: INGANO, SHAIRI, ITENDE N'UMUNYU, IBI KANDI HINJIRAMO BURI BIRIBWA BYOSE BIPIMWA NK'UMUCERI N'IBIGORI.**

**RIBA IRIMO IBICE BIBIRI:**

**1. RIBA ISHINGIYE KU KURENZA: AKABA ARI UKUGURISHA IKINTU KIBONEKAMO RIBA KU KINDI NKACYO ARIKO HAKABAHO KURENZA KURI KIMWE MURI BYO.**

**NKO KUBA UMUNTU YAGURISHA ZAHABU NSHYASHYA KURI ZAHABU YA KERA, AKONGERAHO KU IYA KERA.**

**KANDI HADITH IVUGA ITI "MUGURISHE ZAHABU KURI ZAHABU, ZIMEZE KIMWE, KANDI ZINGANYA IBIPIMO.**

**2. RIBA ISHINGIYE KU UBUKERERWE: IYI IKABA IRIMO IBICE BIBIRI:**

**1: KONGERA KU MYENDA KUBERA UBUKERERWE BWO KUWISHYURA.**

**2: GUTINDA GUFATA ICYAGUZWE BIHUJE IMPAMVU ITUMA BIBONEKAMO RIBA, NKO KUGURISHA ZAHABU KURI FEZA HATABAYEHO GUHEREREKANYA, CYANGWA KUGURISHA ITENDE KURI SHAIRI HATABAYEHO GUHEREREKANYA, HADITH ITI "IBIGURISHIJWE HABAYEHO GUHEREREKANYA NTA KIBAZO NAHO IBITABAYEMO GUHEREREKANYA BIBA ARI RIBA"**

**AMAFARANGA NAYO ITEGEKO RYAYO NI KIMWE N'IRYA ZAHABU NA FEZA, ARIKO BURI KIMWE MURI BYO GIFITE UMWIHARIKO.**

**NO KUBERA IYO MPAMVU NTIBYEMEWE NTIBYEMEWE KUGURISHA AMAFARANGA AMEZE KIMWE KU YANDI AMEZE NKAYO, NKO KUBA WAGURISHA AMAFARANGA IJANA KU YANDI IJANA, HATABAYEHO GUHEREREKANYA KANDI AKABA AMEZE KIMWE, KANDI NTIBYEMEWE KUGURISHA IFARANGA KU IRIRISUMBA, NKO KUGURISHA AMAFARANGA ATATU KU IDOLARI RIMWE, HATABAYEHO GUHEREREKANYA AKO KANYA.**

**INYUNGU ZA BANK NI RIBA NTIBYEMEWE KURI NYIRI AMAFARANGA KUZIKORESHA.**

**NA NONE NTIBYEMEWE KWAKA INGUZANYO MURI BANK CYANGWA AHANDI UKAZAYISHYURA WONGEYEHO INYONGERA YAZIRIRIJWE.**

**NO MU BINDI BIBARIRWA MURI RIBA: NI UMUNTU KUBA YAGURA IBICURUZWA, KU IGICIRO KIRI HEJURU KUBERA KO AZISHYURA HACIYE IGIHE, NKO KUBA YABIGURA 1000, AZISHYURA NYUMA Y'UMWAKA, YARANGIZA AKABIGURISHA**

**UWO MUNTU NUBUNDI KU GICIRO CYO HASI NKA 700.**
**UKURI NI UKO ABA YIKOPESHEJE 700 KUGIRA NGO AZISHYURE 1000 NYUMA Y'UMWAKA, TWIRINDE RIBA, KUKO INGARUKA ZAYO N'IBIHANO BYAYO BIRAKAZE.**
**IMANA YARAVUZE ITI "YEMWE ABEMEYE! NIMUTINYE ALLAH, KANDI MUREKE KWISHYUZA INYUNGU ZA RIBA ZISIGAYE KU MWENDA NIBA KOKO MURI ABEMERA. IBYO NIMUTABIKORA, MUMENYE KO MUTANGAJE INTAMBARA HAGATI YANYU NA ALLAH NDETSE N'INTUMWA YE. KANDI NIMWICUZA (MUKAREKA INYUNGU KU MWENDA) MUZISHYUZA INGANO Y'UMWENDA MWATANZE NTA CYIYONGEREYEHO, MUDAHUGUJE CYANGWA NGO MUHUGUZWE"**